

MBESE IBI URABYZEYE?

 Kandi mbere yuko dusenga, ndashaka kuvuga ibi, umugoroba washize, ndizera ko ari byo, nabwiye umudamu, “Nuramuka ukurikije amabwiriza... umwana afite amazi mu mutwe, umutwe we ushobora kubyimbuka.” Umutwe w’umwana warabyimbutse, santimetero imwe n’igice, mw’ijoro rishize, hapimishijwe umugozi. None uwo mudamu ubu yamuzanye hano.

² None, icyanteye kubikora, mushiki wanjye, ni kubw’intego runaka. Urabona? Iyo ubonye ikintu runaka gifatika kibaye, ibyo bituma ukwizera kwawe kuzamuka ugakomeza ukakizera. Rimwe na rimwe ndabikora gusa kugira ngo, wenda, nko gusaba umuntu guhaguruka, agatera intambwe imwe cyangwa ebyiri, zamura ikiganza, tera urutoki, ikintu gusa bashobora gukora gitandukanye, kugira ngo mbireke gusa ni ukureka bakareba ko byose bitunganye. Gusa bararakara bagatekereza ko bitari bube, kandi nyamara birimo kuba. Murabona? Bigomba kuba.

³ Ubu, ni bangahe bifuza ko tubibuka mw’isengesho? Mushobora kuzamura ibiganza byanyu mukavuga muti: “Mwami, biduhe”? Mureke twunamishe imitwe yacu.

⁴ Mwami, mu gihe twumva indirimbo y’itorero ya kera, yanditswe n’inshuti yanjye ikomeye, Paul Rader, “Izere Gusa,” ubu turimo gutekereza umwana w’umuhungu muto, wazanywe n’ababyeyi be ku ntumwa, iminsi itarenze cumi n’itanu Yesu abahaye imbaraga zo kwirukana amadayimoni no gukiza abarwayi, none hano bananiwe neza gukiza umuntu urwaye igicuri. Nuko babona Umwami wacu arimo kuza. Maze ise aza yiruka aravuga ati: “Mwami, tugirire impuhwe. Umuhungu wanjye yazahajwe n’idayimoni. Namuzaniye intumwa Zawwe ntizabasha kumukiza.”

⁵ Yesu aravuga ati: “Ndabishoboye, niba wizeye. Izere gusa.” Yoo, Mana, ntabwo wahindutse na gato kuva icyo gihe: uri Imana imwe gusa yuje urukundo, nziza kandi y’inyampuhwe. Uko Wari uri icyo gihe, ni ko Uri uyu munsu. Kandi Mwami, nk’uriya mubeyi, twese turagutakira tuti: “Mwami, dufashe mu kutizera kwacu.” Biroroshye cyane; twarahuzaguritse, Data.

⁶ Turashaka kugutura amashimwe n’icyubahiro kubwo gukora kuri ruriya ruhinja mw’ijoro rishize, kubona ako gahanga, kabyimbye, ni uko bimeze, amagufa yari yasohotse, ariko yari yasubiyeyo ku kigero cya kimwe cya kabiri ijoro rishize. Ibyo turabigushimira, Data. Iyo tuzi ko abaganga bacu b’inzubere ntacyo babonye mu bushakashatsi bwabo, nta kintu bashobora kubikoraho; ariko Imana iracyariho, Umugenga w’ibihe byose. Turagushima, Data. Turagushimira

kubw'ubudahemuka bw'uwo mudamu, n'ubugwaneza, no kumvira ukagarura urudodo ukarwomeka kuri uru rupapuro, hano, kugira ngo yereke abantu ubuhamya bwe ku bw'icyubahiro cy'Imana. Reka umwana we abeho kandi abe umwana muzima, ku bw'icyubahiro Cyawe.

⁷ Reba ibi biganza byose byazamuwe, Data. Buri kiganza gifite icyifuzo. Icyanjye nacyo nakizamuye, Data, Mfite icyifuzo. Kandi hano hari benshi, mw'ishusho ry'inzandiko cyangwa mu gasanduka, bafite ibyifuzo, abantu mu by'ukuri bafite ibyo bakeneye. Reka batambuke, Mwami, buri wese aze kubona ibyo yasabye muri iri joro. Reka bafatire urugero ku buhamya bw'uyu mubyeyi bugaragaza ko iyo Uvuze ikintu, kirasohora. Ni... Wowe... Icyo tugomba gukora ni ukucyakira tukakigenderaho. Uba ari umurimo urangiye.

⁸ Biduhe, Mwami, ku buryo buri rwose muri izi nyandiko n'ibi bitambaro, abantu biri burambikweho, bakire uburwayi. Buri wese yazamuye ikiganza, Data, bashobore kubona icyo umutima wabo wifuza. Turabisabye, mw'izina rya Yesu. Amina. Mushobora kwicara.

⁹ Nashakaga gusa kubereka ko uyu mugenzi, ko umugore (Dore. Mbega)... ko ubunini bw'umutwe w'uruhinja bwagabanutse nk'uko Umwami yabitwijeje binyuze mu Mwuka Wera ijoro rishize. Ese ntibihubuje? Rero, duhe imbaraga nyinshi tugire ukwizera n'ibyiringiro.

¹⁰ Noneho, igihe Yesu yabwiraga cya giti, muri Mariko 11:23, "Umuntu ntakarye ku mbuto zawe iteka ryose," Ashobora kuba atarasakuye cyane. Kubera iki, mu by'ukuri, Yari atuje ku byerekeye ibyo, kugeza ubwo abigishwa Be gusa... Ntekereza ko umwe muri bo yamwumvise. Kandi cya... Igihe umuntu urwaye igicuri, iyo kigeze imbere y'Umwami Yesu, umuhungu byaramugoye kwigarura kurusha ibindi bihe byose; wenda, yituye hasi amera nk'upfuye, ariko yisanze yahuye n'Umuntu Wari ufite ukwizera kuruta ukw'intumwa.

¹¹ Noneho, nifuzaga umuntu utizeraga ugukiza indwara guturuka ku Mana kwitegereza ibi. Yesu yari yarabahaye imbaraga zo kwirukana imyuka mibi, ariko baraneshejwe. Ntabwo ari Imbaraga zaneshejwe, ahubwo ni bo baneshejwe. Yesu yarababwiye ati:

"Ni iki cyatumye twebwe bitunanira kuyirukana?"

Aravugaga ati: "Ni ukwizera kwanyu guke."

¹² Itorero riracyafite imbaraga. Imana ntiyigeze ivana imbaraga Zayo mw'itorero, ariko itorero ntrifite ukwizera guhagije ko kuzikoresha. Ni uko bimeze. Gusa biroroshye. Rimwe na rimwe tugerageza kubikomeza, ariko uko mugenda mworoshya iby'Imana, ni ko mugenda murushaho kugira ukuri, gusa iyo mubifashe mu by'ukuri nk'ibyoroshye: Imana

ni ko yavuze; mubifate gutyo; ni ibyo. Nuko mubyizere gusa, mukomeze.

¹³ Igihe Yesu yavugaga ati: “Umuntu ntakarye ku mbuto zawe,” kubera iki, amababi yari meza arabagirana nk’uko yahoze. Igishishwa cyasaga nk’uko gisanzwe, ariko kumanuka muni y’ubutaka muri iyo mizi, ubuzima butangira kugabanuka.

¹⁴ Ni kuri kanseri, ku ndwara iyo ari yo yose—ushobora gutekereza. Iyo ushoboye kwemera Ijambo ry’Imana, umanutse hasi mu mizi, hashobora kuba harimo kanseri; ikiganza cyawe gishobora kuba cyarafashwe. Ibyo ntaho bihuriye no gukira uburwayi bituruka ku Mana. Ni, “Niba wizeye.” Urabona? Ahantu runaka, yatangiye gukora.

¹⁵ Yesu yaravuze ati: “Nubwira uyu musozi uti: ‘Shinguka aha,’ ntugashidikanye mu mutima wawe, ahubwo wizere ko ibyo wavuze bizasohora, ushobora kubona ibyo wasabye.” Ese si byiza? Ni inde aturutse he? Umwana w’Imana, Amagambo Ye... Ijuru n’isi bizashira, ariko ubu... ariko Amagambo Ye ntazashira.

¹⁶ Noneho, inzira yonyine ushobora kubikoramo, mugomba kugira intego nziza n’impamvu nziza. Noneho, ndamutse nshohotse hano nkavuga nti: “Ngiye kubereka ko nshobora kwimura uyu musozi, Imuka, wa musozi we.” Ntabwo uzigera wimuka. Rwose si byo. icyo naba mfite cyose. Bigomba kuba... Ubwa mbere ugomba kubona ubushake bw’Imana.

¹⁷ Ni yo mpamvu, buri gihe ku murongo w’abasengerwa, Njye—Mpura n’ibintu bikomeye cyane, ni ukubera ko biba byanyuze ku mirongo n’ibindi, hanyuma bikangarukaho. Ariko murebe, niba mfite icyaha mutaratura... Mwigeze mubona ko, mbanza gusaba umwuka mubi wa dayimoni kugenda? Nsuzuma neza icyo kibazo nkamenya by’ukuri ko nta kintu kiri muri ubwo buzima cyaba nk’inzitizi, murareba, kuko mwibuke, hamwe n’izi mpano, mushobora kwikururira ibibazo.

¹⁸ Imana, mwibuke igihe kimwe, yahaye umuhanuzi... yahinduye umuntu umuhanuzi, Mose, nuko iramubwira ngo nagende abwire urutare. Maze umuhanuzi wari urakaye cyane, arasohoka, akubita urutare, byashakaga kuvuga intege nke za Kristo, byashakaga kuvuga ko Yagomba gupfa bwa kabiri cyangwa gukubitwa ubwa kabiri. Yari afite imbaraga zo kubizana, ariko ntabwo byari ubushake bw’Imana.

¹⁹ Sinigeze nshobora kwizera ko bwari ubushake bw’Imana kuri Elisa wagendaga, kubera ko abana bamusekaga kubera uruhara rwe, sinkeka ko yari akwiye kubikora. Ariko yari umuhanuzi, kandi yari arakaye, maze yatura umuvumo kuri abo bana nuko amadubu abiri yica abana mirongo ine b’inzirakarengane. Murabona? Ariko sinizera ko yari akwiye kubikora. Kandi ni—gusa... twebwe...

20 Mana, ndizera ko uyu muni, mbere yo guha imbaraga itorero Rye, Agerageza itorero Rye ngo arebe icyo rizakora.

21 Twebwe...ubutaha, birashoboka, niba Umwami abishaka ningaruka, tuzabona umwanya wo kwibanda ku bintu nk'ibyo, ku kintu kiri hafi kubaho, hanyuma icyo gihe tuzamenya byinshi ku kubyerekeranye na cyo.

22 Ariko niba uza kuvuga ijambo gusa, uvuge uti: "Mwami, ndabyizewe," ntushidikanye, byakire mu mutima wawe...

23 Noneho, nk'urugero, tuvuge ko ndi mu kibaya, kandi ntabwo...Ndimo kubwiriza abantu babarirwa muri za miliyoni, ariko hakurya y'umusozi hariya, hari itsinda ry'abantu ijana, kandi barimo gupfa bataramenya Kristo. Ni byiza, mfite miliyoni hano ngomba kubwiriza, ariko nyamara, mu mutima wanjye hari Ikintu runaka kimbwira kiti: "Jya muri bariya bantu. Basange. Barimo kurimbuka." Sinshaka kugenda njyenyine, ariko nyamara hari Ikintu muri njye. Murebe, iyo ni Imana noneho, igenda. Murebe intego iyo ari yo, murebe intego igamijwe mu kujyayo, ntabwo ari iyanjye...Noneho, niba mvuze nti: "Ni byiza..." Niba intego yanjye ari nziza yo kugera hariya, ariko ningerayo ngasanga umusozi ari munini, Nkavuga nti: "Murabizi, ningera ku musozi nkarokora abo bantu ijana, umunsi umwe bazahashyira ikibumbano: Mwene Data Branham, umuvugabutumwa ukomeye." Noneho, intego yanjye ntabwo izaba ari nziza. Umusozi ntuzahirima. Oya, mugabo.

24 Ariko iyo intego yanjye n'impamvu ari byiza, kandi Imana mu mutima wanjye irimo kunyobora, nkaba ntashobora kurenga umusozi, kuzenguruka umusozi, cyangwa kuwuka muni, nkavuga nti: "Musozi, shinguka aho." Birashoboka... Igihe mvuze ibyo, kandi singire icyo ndenzaho kitari icyo mvuganye umwuka w'ukuri, uyobowe n'Umwuka Wera, mu bushake bw'Imana, birashoboka ko hatabaho n'akayiko gato k'uwo musozi kagabanuka, ariko biba biri mu nzira yawo. Umunsi ukurikira hashobora kuvaho urugero rw'ibiro bibiri. Umunsi ukurikira kimwe cya kane cya toni. Kandi birashoboka ko mu kwezi, toni eshanu zavaho. Bite byawo? Ntushobora no kubibona, ariko urimuka, mu nzira yawo. Nzaguma aho ngaho nitegereze uko ibintu bikorwa, kuko Imana yabivuze kandi igahita ibisohozwa.

25 Ushobora gutekereza kuri mama wawe hariya uyu mugoroba? Ni byiza, niba umutekerezaho, araza gukira neza. Ni byiza. Niba ubyizera gusa: vuga ijambo gusa kandi urigumemo. Urabona? Wizere gusa; uryizirikeho. Ni Ubugingo Buhoraho.

26 Noneho, ejo nyuma ya saa sita...Nabwiye Billy, iri joro, ngo amakarita y'amasengesho ayareke, kandi nashakaga kuvuga. Ndatuye, mu by'ukuri, kuva muri Mutarama, nagiyeye mu mahanga, ndagaruka, njya muri Phoenix, mu rugo neza, nuko

ndagaruka, kandi byose byuzuye (ubwo burondozi) kugeza igihe ngize intege nke cyane ku buryo hari igihe bingora kumenya aho mpagaze. Ni ku byerekeranye gusa no gukubitika.

²⁷ Hanyuma, ngomba kugenda, kandi ba...mwebwe—mwa bavandimwe mwe mwarantumiye ngo mare indi iminsi mike. Mbega ukuntu mbyanshimishije. Ndatekereza rwose ko hano hari itsinda ryiza ry’abavugabutumwa. icyifuzo ni uko twakongeraho ikindi gihe gito cyo gusabana. Niba Uwiteka abishaka, nzajya ngaruka rimwe na rimwe. Nta kindi, kuva mw’itorero njya mu rindi maze nkazenguruka umujyi mwese nkabasura. Nishimiye kubikora: ikintu cyose nashobora gukora kugira ngo mfashe Ubwami bw’Imana, ni icyo, niba mushaka ko mbikora. Kandi rimwe na rimwe nkagaruka mu tugafatanyaga kugira amateraniro meza, ahantu runaka.

²⁸ Kandi mwibuke, bavandimwe, nzaba ndimo kubasengera. icyo ni ikintu kimwe nemera. Kandi ndashaka ko mwese munsengera, buri wese.

²⁹ Noneho njye—njye ndi...Ejo mu gitondo ni ibikorwa by’itorero muri aya matorero meza atandukanye azengurutse umujyi.

³⁰ Noneho, amwe mu matsinda yo muri Jeffersonville ari hano. Bamwe mu nshuti zanjye, umwe mu bacunga mutungo b’itorero, ari hano, mwene Data Fred Sothmann. Sinigeze mbasha kumubona mu materaniro. Na mwene Data...Yoo, izindi nshuti zanjye nyinshi zituruka hariya i Jeffersonville, u...umunyamabanga wanjye hariya kandi—kandi bose bari hano, ahantu hamwe mu materaniro. Sindababona.

³¹ Kandi bavandimwe, hano muri uyu mujyi hari amatorero meza. Namwe mwese bashyitsi badusuye, muhitamo itorero rimwe muri ayo maze ejo muzajyeyo. Bazagukorera ibyiza, ndabizi neza. Ni abavandimwe bizera umurimo nk’uyu. Ni yo mpamvu bari hano batunganya ikibuga ahantu hepfo aho, kuko barabyizera. Kandi ndashimira abo bagabo.

³² Mwami, ha umugisha iki gice Abacuruzi Buzuye Ubutumwa Bwiza bari hano—bateye inkunga aya materaniro. Hariho... Nizera ko byari byiza, bateye inkunga amateraniro. Na—nabonye inkunga yabo ihagije, kuko muri bo...Ntidukwiye kumera gutya, ariko inshuro nyinshi, bavandimwe mureke habeho itandukanirwo rito: nk’uko umuntu yakwizera *ikintu runaka* gito; undi, nawe *ikintu runaka* gito; bigateza kutumvikana kandi bikagarura ibikomere bya kera; byakagombye kuba byarakize icyo gihe, ariko ni—ni...Niba kandi mwebwe, cyangwa, niba mfite Abacuruzi Bizeye Ubutumwa Bwiza bwuzuye, bifasha guhuza ibi byose, hanyuma tugahuriza hamwe, maze tukagirana ubusabane nyabwo, mu bihe byiza gusa. Kandi turabyishimiye. Imana ihe umugisha icyo gice. Nizera ko Uwiteka yabizamuye afite intego.

³³ Noneho...hanyuma nagize amahirwe akomeye yo kubona aho Mwene Data Oral Roberts atuye ejobundi. Yoo mbega, ni ahantu hanini cyane, ni heza cyane. Ni—ni urwibutso rw'Abapentekote.

³⁴ Hanyuma nagiye kwa mwene Data Tommy Osborn, ahandi hantu heza cyane, umuntu w'Imana uhebuje, inde...njye na mwene Data Tommy turi inshuti za hafi, kandi mwene Data Oral, nawe, turi abavandimwe ba hafi, kandi turakundana, kandi tugerageza uko dushoboye kugira ngo dukore ibishoboka byose kubw'inyungu z'abantu mu Bwami bw'Imana.

³⁵ Ndashimira rero rwose abo bagabo bari hano muri uyu mujyi mu bandi bagabo beza mufite. Mwebwe ntama mwabonye abungeri beza. Njye, ni ko navuga gusa. Uwiteka akomeze kubana namwe mwese ni ryo sengesho ryanjye. Noneho ejo nyuma ya saa sita, nza...Umurimo utangira gihe ki, bakundwa? Saa munani n'igice. Reka tuvuge saa saba—saa saba cyangwa saa saba—n'igice mugomba kuba muri hano kugira ngo batazarogoya imirimo isigaye.

³⁶ Noneho, niba abahungu batarabibabwira, iri joro bafite ibitabo bimwe na bimwe, amafoto n'ibindi, hamwe na kasete, ziriho amajwi, na...by'amateraniro, kandi barabigurisha. Ariko ntituzabareka ngo babigurishe ku Isabato, ejo. Nta bitabo cyangwa ikindi kintu kizagurishwa ejo. Ntabwo rero tuzabikora...ntabwo twigeze tubyemera. N'ubwo benshi babivuze, "Muribeshya cyane..."

³⁷ Kandi umusaza Daddy Bosworth yakundaga kumbwira ati: "Yewe, mwene Data Branham, uribeshya hariya," ariko ni bwo buryo mbyumvamo (Murabona?), kandi nda—ndabyiyumvamo. Niba ushaka kimwe, baraguha kimwe, ariko niba u... Ariko ntidushobora kugurisha ku—ku Isabato. Oya. Ni ibyo. Niba mbyizera, ngomba kubibamo, gusa...Ngomba kubibamo njyewe ubwanjye. Murabona? Kandi njye—njye ngomba kubaho mu byo nizera no kuba...Cyangwa se mushobora kunyohereza imuhira, kandi, mukangeza mu nzu, hejuru yaho mukabibona.

³⁸ Noneho iri joro, yewe, reka twese tubyibagirwe, yewe, ko hari umurimo ugomba gukorwa, cyangwa ikindi kintu cyose, cyangwa imiruhu y'umunsi. Reka tubishyire ku ruhande byose, turebe Ijambo mu minota mike, hanyuma murebe icyo Imana itubwira ikoresheje Ijambo Ryayo. Kandi ndasenga ngo Imana iduhe umugisha ukomeye cyane muri iri joro.

³⁹ Gene, ushobora kumumfatira? Ushobora kumumfatira uriya mwana w'umukobwa muto? Mbese si mwiza cyane? Urashaka gutahana nanjye ugakina n'umukobwa wanjye Sara, wakuze *gutya*? Yoo, urabishaka? Nda—ndashaka ko ubikora. Murangana mu bunini gusa, kandi ni umukobwa muto wa Papa. Yoo—mbega. Yoo. Kandi ndakwemereye wowe—wowe ukunda Papa wawe, si byo? Mama? Yego, urabizi. Umukobwa mwiza cyane, ndimo

gutegura hano, mwitegereza. Amaso mato ameze nk'imyenge ibiri yacitse mu buringiti kandi—n'umusatsi mucye wirabura.

40 Gusa nkunda abana bato. Mfite abakobwa babiri mu rugo. Umwe muri bo ni Rebeka undi ni Sara.

41 Hano hashize igihe, nari ndi kure. Bombi ni abakobwa bato ba Papa, murabizi, kandi ndabakunda. Kandi iyo ntashye ngomba kubaheka mu mugongo, kandi... gusa Rebeka amaze gukura kuri ibyo; ni mukuru nka njye. Ubu yamvuna umugongo; ni... ariko aracyari umukobwa muto wa Papa, uko byagenda kose. Noneho, nk'undi mwaka, turashaka kumujoyana mu ishuri rya Bibiliya ahanu hamwe kure y'ishuri rya leta.

42 Hanyuma, bari bategereje Papa, murabizi, ko agaruka mu rugo. Nari naragiye mu materaniro. Ejo nijoro bazantegereza kugeza saa sita z'ijoro kugira ngo ngerageze kuba ngezeye. Kandi rero, ninjye muby'ukuri kare mu gitondo, nka saa tatu cyangwa saa yine zuzuye. Nuko mama aza ku muryango aranyemerera ndinjira, kandi nari naniwe cyane kandi ndushye, na... Hano ku gicaniro, Na... igihe na... gusigwa bituma ugubwa neza, ariko iyo ibyo bimaze kukuvamo, ni bwo uhura n'ingorane. Ni bangahe bigeze babimenya? Kubera iki, ndabizi neza ni ko bimeze.

43 Nimurebe. Eliya yazamutse umusozi ahamagara umuriro uva mu ijuru, yahamagaye imvura iva mw'ijuru, hanyuma igihe Umwuka yamuvagamo, yazengurutse mu butayu iminsi mirongo ine nuko Imana iramusanga, asubira mu buvumo ahanu runaka.

44 Yona, yaramanutse, aguma mu nda y'urufi runini iminsi itatu n'amajoro atatu, rwamurutse ku nkombe y'inyanja nuko arazenguruka abwiriza. Umujyi wose warihannyeye wiyegurira Imana. Ugusigwa kumushizemo, azamuka umusozi asaba Imana kumwambura ubuzima. Murabona?

45 Mperutse guhagarara iruhande rw'imva ya William Cowper, nta gihe gishize, umwe wanditse ya ndirimbo izwi dukoresha mu gihe dufata ifunguro ryera:

Hano hari Isoko yuzuye Amaraso,
Yakuwe mu mitsi ya Emanweli,
Aho abanyabyaha barohamye muni
y'umwuzure,

46 Wigeze wumva icyo ya... ibyamubayeho? Nyuma uguhumekerwa kumuvuyemo, yagerageje gushaka uruzi kugira ngo yiyahure.

47 Mba mu rugo hakurya ya Kentucky Imuhira ha Kera. Kandi Stephen Foster yahaye Amerika indirimbo ze zizwi cyane. Kandi iyo yandikaga, yabonaga uguhumekerwa guturutse hejuru, uko guhumekerwa, kwandika, indirimbo, iyo kwamuvagamo, yashoboraga kujya gusinda. Amaherezo, yahamagaye umugaragu afata urwembe ariyahura.

48 Abantu ntibazi ibyo abo bantu baba mu kirere cy'umwuka bacamo. Noneho *hano*, uba wumva wakwimura umusozi. Ariko reka gato gusigwa kukuveho, hanyuma utangire unyure muri uriya muryango (niba nta muntu uhari ushobora kugufata, murareba) hanyuma ubwo, wenda mu masaha make, byakugoye, uba wibaza aho uri. Hanyuma ijoro ku rindi, ibyo bikagutwara ibyiza byose.

49 Kandi...Ndashaka kubabwira iby'abakobwa bato Sara na Rebeka. Bukeye bwaho rero, sinabashije gusinzira, maze ndahaguruka, nari nicaye ku ntebe, nyuma y'igihe gito Becky, kuba mukuru kuri bo, yari—yari afite amaguru maremare kurusha Sara, nuko Becky aza yiruka...yazindutse, asimbuka ava mu buriri, ntiyakangura murumuna we, nuko yinjira mu nzu, yiruka uko ashoboye. Yaravugaga ati: “Papa, Papa...” Nakuyemo ukuguru kumwe, maze asimbukira hariya, aringaniye neza. Bimeze nk'i—itorero rigezweho, murabizi, rimaze igihe kinini mu mikino, murabizi, mu myaka amagana menshi. Yashoboraga kwicunga neza, yarampobeye maze aravuga ati: “Yoo, Papa, Papa...”

50 Hanyuma kubera urusaku, Sara arakanguka. Ni byiza, sinzi niba abana banyu babikora, cyangwa batabikora; uwanjye arabikora: umuto afata imyenda yambawe na mukuru we. Nuko rero Sara yari yambaye pinjama ya Becky, afite ibirengere birebire cyane, murabyumva. Hanyuma noneho haza, ako gakobwa gato kagwagwana. Kahagera, gatinze. Rebeka rero yarahindukiye, aravuga ati: “Sara, murumuna wanjye, ndashaka kukubwira ikintu kimwe.” Aravuga ati: “Ni njye wageze hano mbere. Kandi mfite uburenganzira bwose. Ubu mfite ibya Papa byose wowe ntacyo usigaranye.”

51 Ni bwo buryo abantu bamwe bagerageza gutekereza ku byerekeye idini, si byo? Yoo mbega. Ni byo.

52 Umwana Sara nawe, ajundika iminwa ye, nuko n'amaso ye mato mato yirabura arandeba, maze atangira kurira. Kandi Becky yari afite umusaya nk'uwanyije, arampobera. Ndamukunda. Nuko Sara atangira kwigirayo 'kubera ko Rebeka yari afite ibya Papa byose. Nigijyeo irindi vi nka *gutya* hanyuma ndarimuramburira nka *gutya*. Yoo, yahise ahaguruka yihuta maze ariruka, ansimbukira ku ivi nuko...Ntabwo yari amaze igihe kinini cyane kandi amaguru ye ntiyari arimo no kugera hasi. Yari ameze nk'akantu gato (wenda, nkanjye, gusa, gato murabizi), kandi ntiyabikoze...ntiyashoboraga kugera hasi. Ntabwo ryari idini rinini, murabizi, kandi rero ntiyashoboraga kumanuka ngo agere hasi. Ntabwo yari amaze igihe kinini bihagije.

53 Kandi rero, yari afite intege nke, maze mupfumbatisha amaboko ye yombi nka *gutya* ndamuhobera ndamwiyegereza, maze ahumura ayo maso mato yirabura, asubiza amaso inyuma

kuri Rebeka. Aravuga ati: “Rebeka, mukuru wanjye,” we—aravuga ati: “birashobora kuba ari ukuri ko wabonye ibya Papa byose, ariko ndashaka ko umenya ikintu kimwe: Papa yabonye ibyanjye byose.” Noneho . . .

⁵⁴ Ni byo . . . Rero aramfite wese. nshobora kuba nta bumenyi mfite bwo gukora ibintu bihambaye, ariko igihe cyose nzi ko afite ibyange byose, mu gihe nciye intege, namufumbatisha amaboko yombi, bizatuma numva nguwe neza.

⁵⁵ Rero, reka tumuturire irindi jambo rito mu isengesho mbere yo gufungura Ijambo.

⁵⁶ Noneho, Data wo mw’Ijuru, tumenye ko tumenze nk’abana bato. Kandi—kandi Ukunda kubana natwe, kandi ugahimbazanya natwe. Kandi nk’uko tuguhimbaza, nawe uradukunda, udufashe mu biganza byawe, kandi wohereza Umwuka wawe Wera, kandi twereke ko uriho kandi uri Data, turagushimiye cyane. Noneho, reka Umwuka Wera atuzeho muri iri joro. Kunda buri mutima, Mwami. Duhe umugisha mushya. Dusukeho igitonyanga cy’urume rw’imbabazi, Data. Ntiwite ku byaha byacu. Ni byinshi cyane. Mwami, ubababarire gusa. Ntubitubareho, Data, hanyuma udufate mu biganza byawe, kandi—kandi udukize indwara zacu, kandi—kandi weze ubugingo bwacu, maze ubohore imitima yacu, Mwami, kugira ngo tukuramyemo kandi tuguhimbaze, tumere nk’abana bato biruka mu rugo, tuzi gusa ko Papa atureba. Byemere, Mwami.

⁵⁷ Noneho, nta muntu ushoboye—gusobanura Ijambo. Ibyo turabizi. Yohana yabonye Igitabo mu kuboko kw’iburyo Kwe k’uwicaye ku ntebe y’ubwami, kandi nta muntu wari mu ijuru, habe no mw’isi, cyangwa ikuzimu wari ukwiriye gufata Igitabo kugira ngo akibumbure, cyangwa ngo amene ibimenyetso. Haza Umwana w’intama, wishwe kuva isi itarashyirwaho urufatiro. Kandi ni we wari ukwiriye. Afata Igitabo, amena ibimenyetso, maze abumbura Igitabo. O Mwana w’intama, ngwino iri joro. Fungura Igitabo ku bwacu Data, mu gihe tugutegereje, kuko tubisabye mw’Izina rya Yesu, Umwana w’intama w’Imana. Amina.

⁵⁸ Iri joro, nahisemo, umurongo muto w’Ibyanditswe hano w’amagambo atatu. Ariko ndabanza gusoma umurongo umwe cyangwa ibiri muri Mutagatifu Yohani, igice cya 11 ndatangirana n’umurongo wa 23.

Yesu aramubwira ati: “Musaza wawe azazuka.”

Marita aramubwira ati: “Ndabizi ko . . . azazuka mu muzuko wo ku munsu w’imperuka.”

Yesu aramubwira ati: “Ni njye kuzuka nu . . . n’ubugingo: unyizera, naho yaba yarapfuye, azabaho:

Kandi umuntu wese ubaho unyizera ntazapfa iteka ryose. Mbese wizeye ibyo?”

Aramubwira ati: “Yee, Databuja: Nizera ko uri Kristo, Umwana w’Imana, ukwiriye kuza mu isi.”

⁵⁹ Kandi nk’umutwe ndashaka gukoresha aya magambo atatu: *Mbese Ibi Urabyizeye?*

⁶⁰ Nasomye inkuru hashize igihe. Ntekereza ko yari inkuru y’impimbano. Kandi benshi mu bakozi b’Imana bose, ndakeka ko basomye igitabo cya Dr. Ingraham—*Igikomangoma cy’inzu ya Dawidi*. Ni igitabo gikomeye. Nibwira ko cyasohotse rwose. Ndashaka kugishyira mu icapiro, kugira ngo nshobore kugikwirakwiza mu bantu.

⁶¹ Kandi ahongaho, nasomaga ingingo nto kuri uyu Lazaro, no kuri Yesu, Mariya, na Marita, abo ni bashiki ba Lazaro. Kandi nasomaga ahongaho ariho Yesu yabaga, nizera ko, hamwe na Marita na Mariya. Bombi bari abakobwa b’Abaheburayokazi beza. Kandi Lazaro yari arimo kwiga cyangwa kwitoza kuba umwanditsi mu rusengero, yandikira abatambyi inzandiko z’amategako.

⁶² Kandi Yesu yari afitanye umubano ukomeye, by’umwihariko na Lazaro. Iyo dusomye mu gitabo ko We yaje mu rugo rwabo, kandi Marita yari afite amatsiko yo kumva amagambo Ye, ariko yagombaga gutegura ifunguro rya nimugoroba agategura ameza, ariko Mariya we yicara hafi y’ibirenge Bye. Kandi Yesu yavuze ko Mariya yahisemo ibintu byiza.

⁶³ Hanyuma, twabwiwe ko Lazaro ari we wazanye Yesu kwa Yohana, mu nkuru yo mu bitabo bya Dr. Ingraham, na... *ku Gikomangoma cy’inzu ya Dawidi*. Ariko, ibyo bishobora kuba atari ukuri, simbizi, ariko gusa ni kubw’ibikubiyemo, ariko We yagombaga kubana na bo.

⁶⁴ Noneho, twize uku kuza, muri iki cyumweru gishize, ahubwo, ko Yesu yavuze muri Mutagatifu Yohani 5:19, ati: “Njye... Umwana ntacyo ashobora gukora muri We, keretse ibyo abona Se akora: ibyo ni byo Umwana akora. Data arakora kandi Umwana nawe arakora kugeza ubu.” Murareba? “Ibyo We abona Data akora.”

⁶⁵ Kugira ngo rero iyi nkuru ibe inkuru y’ukuri, Data, Imana, igomba kuba yaravuganye n’umwana Wayo, Yesu, ati: “Inshuti yawe, Lazaro, igiye gupfa, ariko bizaba ari ku bw’ibyiza, none uvuye mu rugo. Genda, kubera ko Usabwe kumusengera, cyangwa, kumukiza, kandi—kandi sinshaka ko Wowe ibyo ubikora.” Iyo witegereje inkuru uko igenda, ubona ko ijyanye n’uko kuri nyine. Rero Yesu, gusa nta nteguza cyangwa ikindi, yavuye hafi y’urugo ajya ahandi, ntiyagaruka muri iryo joro. Ajya mu yindi mijyi. Kandi Yesu akimara kuva mu rugo, noneho ibibazo byahise biruzamo.

⁶⁶ Kandi iyo Yesu avuye mu rugo rwawe, ibibazo birarutaha. Gusa mwibuke, iyo Avuye mu rugo rwawe, ibibazo birarutaha. Iyo ubonye imiryango y’abagiraneza n’ibintu byose bikorera mu

rusengero rwawe neza, nka Rickenbacker ifite silenderi nini ya cumi na gatandatu, hanyuma ugasiga Yesu hanze yayo, mu gihe Yesu avuye mu itorero ryanyu, ibibazo birabatera. Ni byo, mugenzi, igihe Yesu avuye mu idini, bamushyize ku ruhande baravuga bati: “Ni byiza, ubu ntitukizera gusa ko ibi bintu bishobora kuba ari ukuri rwose,” hanyuma mugafata ikindi kintu, ibibazo bikavuka. Gusa ibyo mubyibuke.

⁶⁷ Binyibukije inkuru y’Umwami Yesu, iboneka mu Gitabo cya Luka. Uzi igihe yari umuhungu w’imyaka hafi cumi n’ibiri, Abantu Be baramujyanye, nk’uko byari bisanzwe buri mwaka, kugeza ku munsu mukuru wa Penekositi. Bakiri mu mujyi wa Yeruzalemu mu birori no kwinezeza, dusanga muri Bibiliya, ko bamaze iminsi itatu batamufite. Kandi ko batekerezaga wenda, babifataga nk’ukuri, ko Yesu yagombaga kuba yari muri bamwe mu bavandimwe babo. Ubu, ntidushobora kubikora. Ubwo bajyaga kunyura muri bene wabo kugira ngo babimenye, ntabwo We yari ahari.

⁶⁸ Ntidushobora kubifata nk’ibisanzwe, kubera ko turi Abametodisite, Ababatisita, Abaperesibiteriyeni, Abapantekote, kandi amateka yacu na ba sogokuruza bari abizera bakomeye, tuyafata uko ari, neza, nk’ukuri, Yesu ari kumwe natwe. Ntidushobora kubikora. Tugomba guhura na We buri munsu na buri munota. Yego, ndabikunda.

⁶⁹ Ndashaka icyo Imana iri cyo ubu. Ibyo ababyeyi banjye bari bafite, ibyo ba sogokuruza bari bafite, biranejeje, ariko (Ibyo bari bafite ni byiza.) Ntekereza ko tugeze kure y’umuhanda.

⁷⁰ Reka turebe icyo Ari cyo uyu munsu. Sinshaka gusubiza amaso inyuma ngo ndebe ibyo Bwana Moody yakoze, kuko turi kure y’umuhanda kuruta Bwana Moody. Ibibazo by’amatworo yacu: dusubiza amaso inyuma maze tukavuga tuti: “Ni byiza, reka turebe icyo Bwana John Wesley yavuze, ibyo bamwe mu bandi bavuze.” Ni yo mpamvu siyanse yakataje kure cyane mu rwego rwayo, kuruta idini mu rwego rwaryo.

⁷¹ Hano hashize imyaka magana atatu, umuhanga w’umufaransa yerekanye ko uramutse utwariye ku muvuduko uteye uwubwa w’ibirometero mirongo itatu na bitanu ku isaha, imbaraga ziterura zagukura kw’isi. Utekereza ko siyanse yakwisubiraho kuri uyu munsu? Bagenda ibirometero igihumbi na magana cyenda mu isaha kandi baracyakomeza. Bakomeje imbere, batumbiriye imbere. Ariko turashaka gusubiza amaso inyuma tukareba icyo Moody yavuze; icyo Sankey yavuze; icyo Finney; Knox, Calvin; bamwe muri abo. Ibyo bavuze byari byiza. Ibyo byari ibyo mu myaka yabo, ariko turakomeza.

⁷² Sogokuru yatwaye igare rikururwa n’inka. Ntwara Ford V8. Umuhungu wanjye azagurutsa indege. Ni byo, turakomeje. Ni cyo iyobokamana ryagombye kuba cyo. Ukuza k’Umwami kuregereje. Itorero rigomba gutera imbere mu mbaraga zaryo.

Ubushakashatsi bushobora kuzamuka kugeza ahantu runaka hanyuma bukongera bukagabanuka, ariko twe dufite amasoko atarakorwaho, ayo ntabwo yigeze akorwaho, ni ay'imbaraga, zitagira imipaka, z'Imana, dukwiye kwinjiramo. Tubayeho muri mayilo miriyoni muni y'uburenganzira bwacu muri uyu mugoroba, bw'amahirwe y'Abakristo bagakwiye kuba bungukirwa. Ndumva binteye isoni iyo nitegereje hanze mbona ibigo, n'indwara, n'ibibazo biriho ubu. Itorero ryacu rigomba kugenda mu nzira, yo gukiza abarwayi, kuzura abapfuye, kwirukana amadayimoni, gukora ibimenyetso n'ibitangaza, bigatuma isi yose imenya ko Yesu Kristo ariho. Ni byo dukeneye gukora.

⁷³ Kuki, muvuga muti: "Bwana Moody ntabwo..." Bwana Moody ntabwo yari ariho muri icyo gihe. Ni byo. Turi mu gihe cyo Kuza k'Umwami. Kandi twabifashe nk'ukuri ko Yari kumwe na bene wacu. Ariko ejubundi ubwo umuntu yavuguruzaga Bwana Graham, twasanze Atari umwe muri bene wacu.

⁷⁴ Bamusanga he We? Ni he ba—Yesu bamusanze he? Bamusanze aho We bamusize. We bamusize he? Ku muni mukuru wa Penekositi. Ni hehe dusize Yesu, itorero ryamusize he? Ku muni mukuru wa Pentekote. Iyo tuvuye muri kiriya gihe cya kera cya Gipentekote imbaraga z'umuni mukuru wa Pentekote, tujya kure ya Yesu. Ni byo rwose, nshuti zanjye. Turi muni y'amahirwe yacu. Yego mugenzi.

⁷⁵ Bamusize ku muni mukuru wa Pentekote, kandi ni ho hantu honyine Abametodisiti, Ababatisita, Abaperesibiteriyani, n'Abapentekote We bazamusanga, ni igihe basubiye aho bamusize. Umunezero w'Umwami uri he? Imbaraga z'Umwami ziri he? Itorero rirabaza uyu muni riti: "Ni ki—byagenze bite ku Mana y'amateka?" Irindiriye ubwoko Bwayo buyihamagara kugira ngo Yinjire mu murimo ku mugaragaro. Ariko...

⁷⁶ Ntidushobora kubikora binyuze mu madini. Ntidushobora kubikora muni y'ubumenyi bwa muntu. Ntidushobora kubikora muni y'imibare, cyangwa ntidushobora kubikora n'uburere. Turitandukanya, tukicamo ibice. Ntabwo dukwiye kwicamo ibice. Turi umuntu umwe rwose muri Kristo Yesu. Twese turi umwe muri Kristo, kandi amadini yacu ntazigera abikora. N'ubwo ari meza, ariko ntabwo azabikora. Uburere bwacu ni imbogamizi ikomeye Ubutumwa bwiza butigeze bugira, ni uburere.

⁷⁷ Icyo dukeneye ntabwo ari amashuri. Dukeneye imbaraga no kwigaragaza k'Umwuka Wera kugaruka mu itorero kugira ngo kwerekane imbaraga. Yesu ntiyigeze avuga ngo: "Mugende mu mahanga yose maze—maze mwigishe." Ntiyigeze avuga ngo: "Mugende mu mahanga yose maze mukore..." Yaravuze ngo: "Mugende mu mahanga yose maze mubwirize Inkuru nziza." Kandi Ubutumwa Bwiza ni ukugaragaza imbaraga z'Umwuka

Wera, umuzuko. Turacyabura ibilometero miliyoni kugira ngo tugere aho tugomba kuba turi. Reka tuyje imbere. Reka dusubire aho twamusize ku munsu mukuru wa Pentekote.

⁷⁸ Yesu yaravuze, muri Yohana, ndizera igice cya 15, Yaravuze ati: “Njye ndi Umuzabibu; mwe muri amashami.” Ni byiza noneho, niba uwo Muzabibu kwazanye ishami rya mbere, hanyuma kuri iryo shami hakandikwaho Igitabo cy’Ibyakozwe, ishami rya kabiri rizakora ikindi Gitabo cy’Ibyakozwe. Ishami rya gatatu rizakora ikindi Gitabo cy’Ibyakozwe. Kandi amashami yose azasohoka muri uwo Muzabibu azaba ameze nk’ishami rya mbere.

⁷⁹ Noneho, ushobora kungaho ikindi giti ibyo turabizi. Nabonye igiti cy’indimu gifite ubwoko mw’imbuto butandukanye bugera ku umunani. Nabonye igiti cy’amacunga cyera ibicungandimu, n’indimu, n’ibindi byose kuri cyo, ariko byari byunzweho.

⁸⁰ Ni cyo kibazo muri iki gihe. Twunze ibitekerezo byacu, twunze amadini yacu, ariko icyo giti nicyer ikindi giti cy’umuzabibu, cyo ubwacyo, kizamera nk’icya mbere cyatewe. Haleluya! Yoo, itorero rizahuza, ariko dukeneye imbaraga zariho ku ntangiriro. Dukeneye Umwuka Wera, imbaraga z’umuzuko wa Yesu Kristo. Ni byo Yatubwiye gukora.

⁸¹ “Njye ndi Umuzabibu, muri amashami.” Niba igiti cy’umuzabibu kijeho imizabibu, maze kikazaho imizabibu myiza y’ubururu, ishami rikurikira naryorizaba rifite imizabibu myiza y’ubururu. Niba Umuzabibu wa mbere warameze, nuko ukagwa munsu y’ugukongezwa k’Umwuka Wera, maze bagakora ibitangaza bikomeye, n’ibimenyetso, kandi bashyizeho ikimenyetso ku buhamya bwabo ku isi... Ndetse benshi muri bo bafite ubuhamya bwabo, bo, n’amaraso yabo, baba bashyize kashe ku buhamya bwabo. Banyuze mu kaga kose kabaho n’ibintu byose kugira ngo bazane Ubutumwa bwiza. Barababaye; barakubiswe; barahanwe. “Tugomba kujyanwa mu Ijuru, ku buriri butatse indabyo zoroshye, mu gihe abandi barwaniye gutsindira igihembo, hanyuma tugendagende mu nyanja y’amaraso?” Ni iki duteganya gukora? “Ngomba kurwana niba ngomba gutegeka. Ongerera umwete wanjye, Mwami.” Rwose. Dukeneye i...

⁸² Ntidukeneye idini rishya. Ntabwo dukeneye inyubako nshya y’itorero. Icyo dukeneye uyu munsu ni ibihe bya kera, ikirere-ubururu, ububutse bwa Pentekote bwica icyaha, bwavutse kuri Pentekote bukongera gusubira mu itorero, imbaraga z’Umwuka Wera na none, kuzana Yesu ahabigenewe.

⁸³ Imana y’amateka ihora igaragara mu ruhame mu gihe gikomeye. Turabikeneye. Ni cyo kibazo cy’itorero ryacu uyu munsu. Turimo gusubira inyuma cyane. Turimo kugwa mu

myambarire y'isi. Kandi buhoro buhoro, uko umwaka utashye, bitangira buhoro hanyuma bikazima.

⁸⁴ Vubaha ni cyo gihe cyo gukuraho iby'imburamumaro. Imana izabitunganya neza nk'uko mbihamya mpagaze kuri iki gicaniro. Imana izawukata kugira ngo were imbuto. Izakuraho imwe mu mirimo muri iyi minsi. Agasuzuguro nk'ako, uburyo itorero ryakomeje mw'izina ry'idini.

⁸⁵ Kandi tubona ko, igihe Yesu yagendaga, urupfu rwarinjiye. Iyo Yesu avuye mu itorero ryacu, imbaraga z'Umwuka Wera ziva mu itorero ryacu, zitangira kugabanuka kandi—hanyuma tugapfa. Hanyuma nyuma y'igihe nta kindi riba risigaranye. Noneho, igihe Yesu yagendaga, urupfu rwarinjiye. Yego, mbega igihe cyari kibabaje.

⁸⁶ kandi mwitegereze, bibazaga ibibazo, batuma abantu kujya gushaka Yesu, ariko ntiyaza. Bongera kumutumaho, maze ntiyaza, ariko Yari azi icyo Agiye gukora. Azi iri joro, icyo agiye gukora. Ntabwo byajyanye na We: Azi neza icyo Agamije gukora. Agiye kuzamura abantu, neza nk'uko mbizi mu gihe mpagaze kuri iki gicaniro. Azazamura abantu kubw'Izina Rye mu gisekuru cy'Abanyamahanga. Azabikora.

⁸⁷ Ubu ni igihe cy'uburenganzira bw'Abayahudi, icy'Abanyamahanga kirimo kurangira, kuko basohotse. Barimo kwanga Kristo; barimo kwanga ibimenyetso byabo; barimo kwanga ibintu byose byitwa ibiturutse ku Mana, hanyuma bakabyita ko ari ubukonikoni cyangwa imbaraga za satani hanyuma bagakora...Barimo gutuka Umwuka Wera no kwihambirira kure y'Imana. Kandi Imana izafata abo bake, nyuma y'igihe gito, izabazamurira mu Itorero rikomeye, hanyuma igarure Umwuka ku Bayahudi, hanyuma ijyane Itorero ry'Abanyamahanga mu rugo. Ni byo rwose. Ubu arimo kwitegura. Ni byiza, turi mu bihe byanyuma, vubaha.

⁸⁸ Yesu, yari abizi. Nyuma y'igihe gito, aravuga ati: "Inshuti yacu Lazaro irasinziriye."

⁸⁹ Kubera iki, abigishwa bibwiraga ko arimo kuruhuka gato. Aravuga ati: "Ni byiza, niba asinziriye, aba ameze neza cyane."

⁹⁰ Noneho, Yabivuze mu...amagambo yabo, kugira ngo basobanukirwe, aravuga ati: "Yarapfuye, kandi ndazerewe kubwanyu kuko ntari mpari." Murareba? "Ku bwanyu, ndanezerewe kuko ntari mpari." Kubera ko bari kumubaza ibyo—gukiza—kumukiza, ariko yari azi ko adashobora kubikora, kuko iyerekwa ryari ritarasohora...nyuma y'iyi minsi ine yamenye ko ari cyo gihe Data Yamubwiye. Mbega ukuntu ari byiza; Yavugiye ku mva ati: "Data, ndagushimiye, Kuko unyumvise, ariko mbivugiye gusa ku basigayeyo." Murareba? Yari asanzwe azi icyo agiye gukora. Yaravuze ati: "Nzajya kumukangura."

⁹¹ Noneho, nshobora kwiyumvisha ko uriya muryango muto wacitse intege. Uwari utunze umuryango ntiyari agihari, ni agahinda. Yoo, ni byiza iyo ubonye urugo rwugarijwe n'umubabaro cyangwa umutima wuje agahinda, hanyuma Yesu agasesekarira rimwe, mbese si byo? Nshobora kwiyumvisha ukuntu Marita, umugore muto mwiza mu maso he hijimye, na Mariya muto muto, nuko barafatana, baravuga bati: “Turakora iki? Papa na Mama bagiye, na musaza wacu w'igicro . . . Noneho, twavuye mu itorero, kandi twaraciwe muri bo, maze turasohoka dukurikira Yesu w'i Nazareti. None Yatuvuyemo aradusiga, ajya ahantu runaka.”

⁹² Nshobora kumva umukobanyi aje akavuga ati: “Yemwe, uwo Mukiza uturuka ku Mana ari he, uwo Muhanuzi w'i Galilaya? Ari hehe ubu? Murebe, iyo bigeze rwose igihe aho Akora ikintu, akaba Aragiye.” Hano. Murebe, Imana ikunda gukora ibyo, kureka abantu gusa, gusa, reka abantu berekane icyo bari cyo, yego, kubagerageza gusa kugira ngo irebe icyo bari cyo. Ikabaha umugisha. Iragaragara, ikiyerekana Yo ubwayo, ikimenyekanisha Yo ubwayo mu bantu, igusa kugira ngo arebe uburyo bari bwitware, gusa kugira ngo irebe icyo bazabikoraho.

⁹³ Noneho, tubona ko, nyuma y'i—iminsi mike, iminsi ine, Lazaro w'umukene yarapfuye. Baramushyiringura. Umunsi wa kabiri, umunsi wa gatatu, umunsi wa kane . . . Noneho, umuntu wese azi ko umuntu atangira kubora nyuma y'iminsi itatu: izuru ni ryo ribanza kuvaho mu maso, bwa mbere. Hanyuma kubora bigakurikira; inyo zo ku ruhu zigatangira kurya umubiri. Bamuryamishije mu gitaka, bashyiraho ibuye rinini ku muryango w'ubuvumo aho bari bamushyize. Kandi rimwe na rimwe, abakobwa bato barasohokaga bagapfukama ku mva ye bakarira.

⁹⁴ Nyuma y'igihe gito, amakuru arasakara ngo: “Yesu araje. Twabonye yitemberera mu muji.” Yoo, uriya mwana muto Marita, ni ko yari ameze, byasaga nk'ibimugoye, yerekanye noneho icyo yari akozemo. Hano araje. Aragiye mu muhanda we noneho, yiruka ashakisha. Nshobora kumva bamwe muri bo ku muhanda bavuga bati: “Ni byiza, ndakeka ko unyuzwe noneho, ko idini ryawe ryari ibinyoma.” Gusa yarabyirengagije arakomeza, anyura neza muri abo bakobanyi bose. Yaramanutse kugeza abonye Yesu, wenda yihagarariye ku muhanda mu nguni.

⁹⁵ Noneho, bisa nk'aho, agomba . . . ashobora kuba yari afite uburenganzira bwo kumutesha agaciro no—no kumwuka inabi. Kubera iki, ntiyirutse ngo avuge ati: “Reba hano, reba hano, Wowe. Ugomba kuba uri Umuhanuzi, Umuntu w'Imana. Kuki Utaje mu gihe twaguhamagaye? Kubera iki, ubu twabaye urw'amenyo muri uyu umuji. Twavuye mu itorero ryacu turagukurikira.” Yari ameze nk'ufite uburenganzira. Ariko urabizi, nk'uko Nabibwirijeho, *Umwana w'Intama n'Inuma*, niba turi umwana w'intama, umwana w'intama atakaza

uburenganzira bwose afite. Ni byo rwose. Nta kindi aba afite uretse ubwoya, agomba rero kubutakaza. Kandi yatakaje uburenganzira bwose afite bwo gukorera Imana. Ni byo rwose.

⁹⁶ Nyuma nabonye abagore uburyo bari bambaye iyi myenda ishaje, murabizi, baravuga bati: “Ni byiza, turi—turi Abanyamerika. Dushobora gukora ibyo dushaka.”

⁹⁷ Ndavuga nti: “Ni byo rwose, ariko niba uri umwana w’intama, uzatakaza uburenganzira bwawe.” Kunywa itabi no kwitwara gutyo, ni ikintu kibi kuruta ibindi umugore yigeze gukora. Ni byo rwose.

⁹⁸ Ntabwo hashize igihe kinini, umugore avuganye na njye, ati: “Ariko, mwene Data Branham, nta yindi myenda bagikora itari iyi.”

⁹⁹ Ndavuga nti: “Ariko baracyakora imashini zidoda bakanagurisha ibicuruzwa. Nta rwitwazo rwose.” Ibyo ni byo rwose.

¹⁰⁰ Mwibuke, umunsi umwe, ushobora kuba ukiranuka hano ku mugabo wawe, ariko uzasubiza ku busambanyi kubw’ibyo, neza rwose: “Umuntu wese urarikira umugore w’undi aba amwifuje, aba yasambanye na we mu mutima.”

¹⁰¹ Ni ikihe kibazo abagore b’Abapenekositi bafite muri iki gihe, ni cyo nibaza. Uburyo mwagiye kure y’umurongo ngenderwaho wa kera. Ukuntu ba mama banyu bahoze bafite umusatsi muremure, none uyu muni abagore b’Abapenekositi bisiga amarangi nka Mardi Gras, bakikatisha imisatsi, bakanambara imyenda migufi nk’iyo, neza neza nk’abandi bose... bagasohoka gukata ubusitani nyuma ya saa sita, igihe abagabo banyura aho ngaho, bagore, ese muzi ko muzabazwa kubwo gusambana n’abo bagabo? Mubiyereka kubw’iyo ntego. Ni umwuka mubi ku itorero n’abantu, kandi ntibabizi. Uri impumyi kandi ntubizi. Ni ukuri.

¹⁰² Wenda ushobora kuvuga ko ntafite uburenganzira bwo kuvuga ibyo nk’umuvugabutumwa. Ni byo, ngo—ngomba gukurikiza ubuyobozi bw’Umwuka Wera; ibyo ni byo nshobora kuvuga. Wowe... Nimpura nawe mu rubanza, sinzabarweho amaraso yawe mu biganza byanyije. Jya kure y’ubutaka bwose busa na Satani. Guma kure yabwo. Buveho. Sinitaye ku byamamare byo kuri televiziyo... Wowe nturi, hano, icyamamare cyo kuri; uri umukobwa w’Imana.

¹⁰³ Byabwirijwe mu rusengero rwa pasiteri ejobundi, ku bijyanye n’umucakara ushaje, mu bihe bagurishaga abacakara kera. Kandi bakundaga kuza bakabagura muri cyamunara. Kandi abantu bari barimo, barariraga, barasakuzaga, kubera igihugu cyabo; ntibigeraga basubira inyuma ukundi. Bagomba kubakubita. Kandi barabaguraga nk’uko wagura imodoka, gusa ku busa, ibiciro, maze bakagurisha ibiremhamuntu.

104 Umunsi umwe, umuguzi araza, umukomisiyoneri, mu ruganda runini- . . . nako, umurima munini. Maze aravuga ati: “Ufite abacakara bangahe bagurishwa?”

105 Aravuga ati: “Rero, mfite bacye natangaho ingurane.” Bagerageza kongera umubare. Mubashyire ababyeyi b’abagore, ababyeyi b’abagabo . . . Iyo umugore yarongowe aba ari umugore ufite intege nke, fata aba bagabo bakomeye bafite ubuzima bwiza nabo bababyarire . . . nk’amafarashi cyangwa inyamaswa. Ntabwo byari byo. Imana yaremye umuntu. Umuntu agirwa imbata. Ntabwo ari byiza kubitangiriraho, nta na rimwe na gato. Imana ntishaka ko umuntu uwo ari we wese aba umucakara. Oya, mugenzi. Kandi oya . . . Murebe uko byagenze.

106 Noneho hagati y’ibyo byose, uyu mugenzi wacu aravuga ati: “Ni byiza, ndashaka kugura umwe muri bo . . .” Yabonye umusore umwe aho. Ntibagombaga kumukubita. Akananwa ke kari hejuru, umutwe hejuru, nk’umunyacyubahiro nyawe, azenguruka. Nuko uwo mukomisiyoneri aravuga ati: “Ndashaka kumugura.”

107 Aravuga ati: “Ariko ntabwo agurishwa.”

108 Aravuga ati: “Kubera iki?” Ati: “Ni umutware?”

109 Aravuga ati: “Oya, ni imbata.”

110 “Ni byo,” ati: “kubera iki? Umugaburira neza kurusha abandi?”

111 Aravuga ati: “Oya. Arira hanze mu busitani hamwe n’abandi. Ni imbata.”

112 Ati: “Ni iki kimutandukanya cyane n’abandi?”

113 Nuko umuyobozi aravuga ati: “Nabyibajijeho nanjye ubwanjye igihe kirekire, ariko umunsi umwe ni bwo nabimenye. Hariya mu gihugu cye, ise ni umwami w’ubwoko runaka. Kandi n’ubwo ari umunyamahanga uri kure y’iwabo, aracyamenya ko ari umuhungu w’umwami kandi yitwara nka we.” Niba ari byo . . . Niba Umunyafurika kavukire yashoboraga kumenya ko se ari umwami, kandi hano umunyamahanga mu gihugu kidasanze ashobora kumenya ko hakurya y’inyanja ari umuhungu w’umwami, ni gute abagore n’abagabo bagomba kwitwara mu gihe ari abahungu n’abakobwa b’Imana? Mwitware nka bo. Ni ukuri. Mwitware ubwanyu; mwisukure kandi mukore nk’abahungu n’abakobwa b’Imana. Ntimutinye, imibereho iyo ari yo yose.

114 Turahari. Yewe, Marita muto, yasohotse yiruka. Yasaga nk’aho yari abonye u—uburyo bwo kugira icyo amushinja. “Kuki Utaje kureba musaza wanjye? Reba ibyo twagukoreye Wowe, ariko Wowe uradutererana.” Ni byiza, iyaba yaravuze atyo, inkuru ntiyari kurangira nk’uko byagenze. Oya, mugenzi. Ni uburyo wegera impano y’Imana. Niba Imana yohereje impano, ugomba kuyegera neza. Niba hari igihe utegereje kubona ikintu

icyo ari cyo cyose, ugomba kukigeraho neza. Marita arabimenya. Ashobora kuba yarasomye ku byerekeye Umushunemukazi n'uruhinja rwe. Na we . . . Niba uriya Mushunemukazi yari azi ko Imana iri muri Eliya, ni inshuro zingahe Yari kuba muri Yesu? Ni byo.

¹¹⁵ Noneho, yazamutse afite imigambi myiza. Ariruka, yikubita imbere y'ibirenge Bye. Ibyo ndabikunda! Yikubita imbere y'ibirenge bye, ati: "Mwami. . ." Ngiyo inyito Ye nyayo. Ni cyo Yari cyo. Yari Umwami we. "Mwami, iyo Uza kuba uri hano, musaza wanjye ntabwo yari gupfa."

¹¹⁶ Yoo, mbega! Yoo, natekerezaga gusa kubona umutima We mwiza ubwo yarebaga uriya mugore mwiza, amarira atemba ku matama ye. Ati: "Mwami, iyo uza kuba uri hano, musaza wanjye ntabwo yari gupfa." Murebe ibyo yavuze. "Ariko na n'ubu, Mwami, n'ubwo yapfuye, n'ubwo inyo z'uruhu zitondagira mu mubiri we, n'ubu, Mwami, icyo Usabye Imana cyose, Imana irakiguha."

¹¹⁷ Yoo, iryo ni ryo banga. Ushobora kuvuga uti: "Naciye muri buri bitaro. Muganga aravuga ngo ngiye gupfa, ariko n'ubu, Mwami. . . Namugajwe na rubagimpande; Sinshobora kugenda, ariko na n'ubu, Mwami. . ."

¹¹⁸ Rwa ruhinja rwari rufite umutwe munini *wari* wuzuye amazi mw'ijoro ryahise. Ntacyo ushobora gukora. Yashoboraga gukwirakwira agaturitsa umutwe we muto hanyuma agapfa, "Ariko na n'ubu, Mwami. . ." Aracyari ya Mana imwe. Aracyari wa Mwami umwe. "Ndetse n'ubu, Mwami. . ." Kandi Yicaye iburyo bw'Imana Ishobora byose, ikora ubwinginzi ku bintu tuvuga ko Yadukoreye.

¹¹⁹ Ubu, ndumva rwose ndi umwizera. Ni byo rwose. Ugiye kunyita uwera wivuruguta uko abonye, ushobora gutangira, ukabishyiraho iherezo.

¹²⁰ Rero, yego, mugenzi, "na n'ubu, Mwami, icyo wasaba Imana cyose, Imana izagikora."

¹²¹ "Nusaba Data ikintu cyose mw'Izina Ryanjye, nzagikora," Ni ko Yesu yavuze.

¹²² "N'ubu, Mwami, icyo Usaba cyose, Imana irakiguha." Yoo, ibyo bigomba kuba byarinjiye mu mutima We ukomeye.

¹²³ Aravuga ati: "Musaza wawe azongera kubaho."

¹²⁴ Aravuga ati: "Yego, Mwami. Azabaho. Yari umuhungu mwiza. Azavamo mw'izuka rusange ku muni w'imperuka." Abayahudi bo bizeraga izuka rusange. "Azazuka mw'izuka ry'iminsi y'imperuka."

¹²⁵ Mumurebe We. Yashyize Ibye hamwe. Aravuga ati: "Ni njye Muzuko n'Ubugingo." Yoo, mbega. Nta muntu wigeze abivuga mbere. Nta n'uzigera abaho nyuma, uzashobora kubivuga. Ni We Wenyine ushobora kubivuga. "Ni njye Muzuko n'Ubugingo,"

ni ko Umwami yavuze. “Unyizera, n’ubwo yaba yarapfuye, azabaho. Kandi umuntu wese uriho wizera muri Njye ntazigera apfa. Ibi murabyizera?”

¹²⁶ Aravuga ati: “Yego, Mwami.” Yoo, yari azi ko hari ikintu kitegura kubaho. Kigomba kuba.

¹²⁷ Iyo kwizera kuvuye ku mutima utaryarya guhura n’Imana, igiciro cyabyo kikagendana na ko nk’uko. Ikintu kigomba kubaho. Nkabirije iri teraniro muri uyu mugoroba, mw’Izina rya Yesu Kristo, reka kwizera kwawe guhuze n’Imana gutyo, mu minota mike turagira indi Penekositi. Hazabaho ikiruhuko cy’ububutse muri uyu muji, hagomba kuba abapolisi bahagije mu gihugu kugira ngo baburinde. Ni byo. Hazabaho ububutse nyabwo. “Ndetse n’ubu, Mwami. . .”

¹²⁸ “Rero, Mwami, twarangije gukora *ibi*; twakoze *ibi*, dukora na *biriya*.” Sinitaye ku byo wakoze, “Ndetse n’ubu, Mwami. . .” We arindiriye ko umuhamagara. We. . . “Ibi murabyizera?” Ni byo. Yego mugenzi. “N’ubu, icyo wamusaba cyose. . .”

¹²⁹ “Wamushyize he?” Noneho, aramanuka ajya ku mva. Yari umuntu bihagije ku buryo yarira; Yari Imana bihagije ku buryo yazura uwapfuye.

¹³⁰ Hano hashize igihe, umugore uri mu itsinda runaka ry’abantu. . . Ntabwo nigera ngira akamenyero ko kubigira ibyerekeye amadini. Ariko uyu mugore. . . Ntibizeraga ko Yesu yari Imana. Bavugaga ko Yari umuhanuzi gusa. Noneho, yari. . . Niba Yari umuhanuzi gusa, twese turi mu byaha. Yari Imana, nta kintu kirenze Imana, cyangwa umubeshyi ukomeye isi yigeze igira. Ni byo. Yari arengeje kuba umuntu. Yaravuze ati: “Ntiyari uw’Imana.”

¹³¹ Hariho benshi muri bo muri iyi vanjili mbonezamubano uyu muni; bagerageza guhindura Yesu Kristo umuhanuzi. Kubera iki, yari Imana y’abahanuzi. Ni ukuri ni ko Yari ari.

¹³² Yaravuze ati: “Nzabikwereka na Bibiliya yawe, ‘Yari umuntu gusa.’”

¹³³ Ndavuga nti: “Binyereke.”

¹³⁴ Na we ati: “Igihe yajyaga ku mva ya Lazaro, Bibiliya iravuga iti: ‘Yararize.’ Yagombaga kuba umuntu upfa atari ibyo ntiyagombaga kurira.”

¹³⁵ Ndavuga nti: “Mugore, icyo ni icyanditswe cyawe?” Ntabwo nshaka kuvuga ikizira hano ngo mvuge ibi, ariko nzakubwira ibyo namubwiye.

¹³⁶ Aravuga ati: “Ni byo.”

¹³⁷ Ndavuga nti: “Ayo magambo afite intege nke kurenza umufa wakoze mu kiswe inkoko yicishijwe inzara.” Ndavuga nti: “Ni byo, wowe—wowe nta kintu na kimwe ufite cyo kwishingikirizaho.”

138 Aravuga ati: “Kubera iki, Yararize. Ibyo byerekanye ko yari umuntu upfa.”

139 Ndavuga nti: “Yari umuntu upfa kandi udapfa. Yari Imana mu mubiri.”

140 Aravuga ati: “Yoo, ibyo ntacyo bivuze!”

141 Ndavuga nti: “Yagiye ku mva arira. Ni byo rwose ku buryo buhagije, ariko mu gihe yikomezaga muri we buhoro...” Bibiliya iravuga iti: “Ntabwo byari bihagije kumureba; nta bwiza yari afite bwatuma We tumwifuzaga.” Ariko igihe yabateraga ibitugu akavuga ati: “Lazaro, sohoka,” nuko umuntu wari umaze iminsi ine apfuye akajyanwa mu mva, arasohoka. Ntabwo yari umuntu. Nyereka umuntu ushobora kubikora. Byari ibiki? Kubora kwamenye Shebuja. Ubuzima bwamenye Umuremyi wabwo. Hari ikintu cyagombaga kubaho. Yaravuze n’umuntu wapfuye umaze iminsi ine mu mva, arazuka, ahagarara ku birenge bye, maze abaho. Haleluya! Iyo yari Imana mu Mwana Wayo. Yego mugenzi. Iyo yari Imana yimenyekanisha Ubwayo binyuze muri We, Umwana. Iyo yari Imana ivuga, ntabwo yari umuntu.

142 Yari umuntu igihe yarebaga hirya no hino kuri cya giti wa muni ashakisha icyo kurya. Uwo yari umuntu. Ariko igihe Yafataga imigati itanu n’amafi abiri akagaburira abantu ibihumbi bitanu, uwo yari arenze kuba umuntu. Iyo yari Imana yabagabuririyeho. Ntabwo yari umuhanuzi, yari arenze kuba umuntu, Yari Imana-Muntu. Ni byo.

143 Yaryamye inyuma y’ubwo bwato muri iryo joro, inyanja iribirandura kandi yiyubika nk’umufuniko w’icupa uri aho muri icyo nyanja ikomeye, gihe amadayimoni ibihumbi icumi yo mu nyanja yari yarahiriye kumuroha muri iryo joro. Yari umuntu, umunyanteye nke kandi unaniwe no gusengera abarwayi, aryama aho; n’umuyaga ntiwigaze umuhungabanya. Yari umuntu igihe Yari asinziriye, ariko Amaze kubyuka, ashyira ikirenge Cyeye ku nkomanizo z’ubwato, yubuye amaso, aravuga ati: “Tuza, humura,” umuyaga n’imiraba biramwumvira, uwo yari arengeje kuba umuntu. Iyo yari Imana mu muntu, yimenyekanisha Yo ubwayo. Ni byo.

144 Yari umuntu ku musaraba igihe Yatakambaga asaba imbabazi. Igihe Yatakaga avugaga ati: “Mfite inyota,” uwo yari umuntu. Igihe yapfaga, yari umuntu, ariko mu gitondo cya Pasika ubwo yamenaga ibimenyetso by’urupfu, ikuzimu, n’imva, maze akongera akazuka, Yari arengeje kuba umuntu: Yari Imana yigaragaje. Ibyo umusizi yavuze ntibitangaje ngo:

Mu kubaho, Yarankunze; mu gupfa,
Yarankijije;
Mu guhambwa, Yajyanye ibyaha byanjye kure;
Mu kuzuka, Yarantsindishirije mu bwisanzure
ubuziraherezo:

Umunsi umwe Azaza—yoo, umunsi
w'icyubahiro!

¹⁴⁵ Yaravuze ati: “Kubera ko Ndiho, namwe muzabaho. Murabyizera?” Uko yari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Murabyizera? Nizera ko Umwuka Wera ari hano muri iki gihe. Namwe murabyizera? Nizera ko Azatwuzura Ukugaragara Kwe. Namwe murabyizera? Nizera ko Umwuka Wera ashaka gushyira Ukugaragara Kwe hanze, gukiza abarwayi bose, reka abantu bose batahawe Umwuka Wera buzuzwe. Ese ibi murabyizera? Murizera n'umutima wanyu wose? Reka duhagarare ku birenge byacu maze tumuhereze amashimwe. Nizera ko ubu Agiye kumanuka hagati yacu.

¹⁴⁶ Mwami Mana, Umuremyi w'amajuru n'isi, Umwanditsi w'Ubuzima bw'Iteka, Utanga impano nziza zose, twe “Turabyizeye,” Mwami. Twizeye ko Uri hano mu materaniro. Twizera ko uwo ari Wowe uha umugisha ubugingo bwacu. Twizera ko ari Wowe udusukaho Umwuka Wawe. Twizera ko uko Wari ejo, ari ko uri uyu munsi, kandi ari ko uzahora iteka ryose. Twizera ko uri muzima ibihe byose kandi amazina yacu yanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Ijuru n'isi byose bizashira, ariko tuzabaho iteka, kuko Uriho iteka ryose. Mwami, Warabidusezeraniye. Turabyizera n'umutima wacu wose. Ibintu byose biri muri twe, turabyizera, Mwami. Ndamukunda, ndamukunda.

¹⁴⁷ Mbese muramwizeye? Nizera ko uwo ari Umwuka Wera. Hariho Ikintu kitumanukiye. Murabyizera? Nizera ko ashaka gukiza abantu bose nonaha. Murabyizera? Muzamure ibiganza byanyu kuri We. Muhaguruke ku birenge byanyu. Murabyizera? Umwuka Wera ari hano. Uyu ni Wo! Petero yaravuze ati: “Uyu ni Wo.” Uyu ni Umwuka Wera.

¹⁴⁸ Yoo Mwami, Umuremyi w'amajuru n'isi, ohereza imbaraga Zawe, n'Imigisha Yawe, n'ineza Yawe kuri aba bantu, kandi uhe umugisha imitima yabo, maze ureke babone ko Umwana w'umuntu ari muzima ubuzirahereze. Byemere, Mwami. Turabakweretse, mw'Izina rya Yesu Kristo, Umwana w'Imana.

¹⁴⁹ Umuntu wese udafite Umwuka Wera, azamure ibiganza bye kandi ahimbaze Imana. Nizera ko Uza kubamanukira. Umuntu abarambikaho ibiganza. Iki ni cyo gihe. Kuki dutegereza ikindi gihe? Iki ni cyo gihe. Iki ni cyo gihe cya Pentekote, kugaruka ku Mana. Kiranuka n'Imana, Pentekote! Reka umutima wawe ukangurwe n'imbaraga z'Imana nzima. Reka Umwuka We uze muri wowe, wuzuze ubugingo bwawe. Ari hano ijoro ku rindi joro, ari hano gukiza abarwayi, guhumura impumyi, kubw'imbaraga zikomeye kandi zishobora byose Yerekana Ubwe ko ari uko yahoze. Haleluya!

¹⁵⁰ Mumuhimbaze. Muzamure ibiganza byanyu. Mwibagirwe aho muri; mumenye gusa ko muri hafi Ye, n'ineza Ye,

n'icyubahiro Cyé, n'imbaraga Ze, n'imbabazi Ze bihoraho iteka. Ahoraho iteka ryose. Hahirwa Izina ry'Umwami. Haleluya! Yoo, shima Izina Rye Ryera.

¹⁵¹ Yoo, mbega ukuntu ari mwiza, ukuntu afite imbaraga. Ni bangahe bashaka kwegurira Imana ubuzima bwabo nonaha, umubiri? Muzamure ibiganza byanyu. Ni bangahe bashaka kwegurira Imana ubuzima bwabo? Ni byo. Zamura ikiganza cyawe. Reka turebe Abapantekote. Reka turebe ubwoko bw'Imana. Ndazamura ikiganza cyanjye. "Mwami, ndi hano. Ntuma." Fata Umumalayika noneho hamwe n'amakara yo ku gicaniro hanyuma utwoherereze imbaraga Zawe, Mwami. Mana, tanga byuzuye Umwuka Wawe, Yoo Data. Umva amasengesho yacu, Yoo Mwami. Umva amasengesho yacu, nk'abana bizera bahagaze hano. Nihasingizwe Izina Rye.

¹⁵² Yoo, nk'imiraba y'icyubahiro imanuka, yewe, ikime gitonyanga cy'imbabazi. Yoo, ishimwe ni iry'Imana. Ubugingo bwacu butegereze. Murabyizere? Murabyizera? Uyu ni Umwuka Wera umanutse. Izi ni zo mbaraga zitagaragara zituyobora mu Bwami bw'Imana, imigisha ya Pantekote. Mugaruke mu rugo. Muteganijwe gusubira mu rugo. Muri abantu b'agaciro. Imana ishaka ko mwiyeza. Bagore, nimwisukure. Bagabo, nimwisukure. Reka dutangire dusubire ku Mana kandi dukorere Imana n'umutima usukuye.

¹⁵³ Imana ishimwe, Umwuka Wera ari muri iki cyumba. Gusa mukore ibyo mwumva muyobowe gukora. Reka Umwuka Wera akugenderere. Ntacyo navuga. Gusa sinzi icyo navuga ubu. Umwuka Wera ari hejuru y'iyi nyubako. Izina ry'Umwami rihimbazwe. Nihasingizwe Uhoraho. Yoo, haleluya! Haleluya! Nihasingizwe Uhoraho. Muhimbaze Uhoraho. Ni byiza, mbega icyubahiro... Mbega ukuntu ari byiza, mbega uburyo bwiza bwo guhimbaza kw'abera b'Imana mu maso yawe, imbere y'Umwuka Wera hano agendagenda akatwereka icyubahiro Cyé muri rubanda nyamwinshi icyarimwe, basingiza Izina Rye.

¹⁵⁴ Hindukirira iburyo hanyuma uhane ibiganza n'umuntu, uvuge uti: "Himbaza Uwiteka, mwene Data. Himbaza Uwiteka, mushiki wanjye." Reka twinjire kandi tureke Imana idutere imbaraga. Muhimbaze Uhoraho. Ni byo. Mwebwe Abametodisite, n'Ababatisita, na Peresibiteriyeni, Abapantekote, n'Abadivantisiti b'umunsi wa Karindwi, icyo muri cyo cyose, muhane ibiganza umwe ku wundi Imbere y'Uwiteka Imana. Ni byo. Yoo, haleluya! Haleluya! Haleluya! Yoo, ndishimye cyane kuba ndi umwe muri bo. Ndishimye cyane. Yoo, gusenya inkuta, kujugunya imyanda. Icyubahiro! Umudendezo mu Mwami, dusingiza Izina Rye ryera... Hahirwa Izina ry'Uhoraho. Yoo, haleluya! Imana ishimwe.

¹⁵⁵ Yoo, nkunda kubona gusa: abantu bahana ibiganza kandi barabagirana mu maso. Imbaraga z'Imana zivuga ziti: "Ni

byo. Ni byo, turi abana b’Imana. Twese turi itorero rimwe rikomeye, umuntu ukomeye muri Kristo Yesu, Umugeni We, Nyiricyubahiro.” Ukuza k’Uwiteka kuregereje. Abantu be baterana kandi bakundana ubwabo...n’urukundo n’imbaraga zo Kugaragara Kwe. Yoo, ibi bimeze nk’Ijuru. Yoo, ibi ni byiza. Amina. Yoo, mbega icyubahiro, mbega byiza: gusenga Umwami gusa mu Mwuka no mu mbaraga. Igihe nk’iki. (Ibyo byagombaga guhagarara; turatangira.)

¹⁵⁶ Hano nta...Nabwiye abavandimwe nti: “Bavandimwe, nta hantu ho guhagarara.” Nta hantu na hamwe hano...Ntabwo twigera dutangira, ntabwo rero duhagarara. Gusa—gusa ni byiza...Ni bangahe bumva ari byiza koko? Ukugaragara k’Umwami, yoo, mbega, ni byiza, Ukugaragara k’Umwami hano.

¹⁵⁷ Noneho, Ukugaragara k’Umwami kuri hano gukiza abarwayi, gukiza abantu. Gusa mumwizere. Uramwizera? Niba dushobora kumwizera, byose birashoboka. Murabyizera? Mwizera ko ibyo ari Ukugaragara k’Umwami?

¹⁵⁸ Noneho, mu gihe wowe...Mumpe akanya gato, akanya gato, hanyuma mwumve akanya gato. Reka mbahamirize ko ari Umwuka Wera uri hano. Reka mbereke ko Umwuka Wera, Ari nawe uriya uvuga, Uriya ukora ibintu, ibyo arabizi. Ni bangahe hano, binjiye hano barwaye? Mugaragaze ibiganza byanyu. Abafite uburwayi...Hariho abantu...

¹⁵⁹ Hano hari umugabo uhagaze. Urizeye, mugabo? Nta makarita yo gusengerwa hanze, ariko wemera ko Imana ishobora kugukiza? Wizeye ko Ishobora kumbwira ibibazo byawe? Ni mu ruhande rwawe. Urenda kubagwa. Ni byo. Witwa Bwana Cartwright. Ni byo. Ni byo? Zamura ikiganza cyawe. Byose ni byo. Genda mu rugo kandi umererwe neza, ntuzabikenera. Urabyizeye?

¹⁶⁰ Uriya mugabo ukikiye ruriya ruhinja mu maboko, wizeye ko ndi umugaragu w’Imana? Wizera ko uyu ari Umwuka Wera? Sinkuzi, ni byo? Ntabwo nigeze nkubona mu buzima bwanjye; nitutiziranye. Wizera ko Umwuka Wera ashobora kumbwira ikibazo cy’uwo mwana? Washeshe ibiheri. Ni byo. Ntabwo ari byo? Ni byo rwose. Nturi uwa hano. Oya. Ufite ikibazo cyo munda, urababara, wowe ubwawe. Ni byo, si byo? Ukomoka mu muji wa Kansas. Byose ni byo. Garuka, Yesu Kristo aragukijije. Haleluya! Urizeye. Urabyizeye n’umutima wawe wose?

¹⁶¹ Dore Umumalayika w’Umwami, ahagaze hejuru y’uyu mugore muto—muto, w’imico myiza ukuze cyane, wicaye hano, ufite ikibyimba. Wizeye ko Imana iza kugukiza icyo kibyimba, mushiki wanjye? Wowe, ufite akarabo gatukura ku ngofero yawe, zamura ikiganza. Ni byiza. Subira mu rugo kandi umererwe neza. Amina. Yoo, ni Imana; ni Kristo Umwana w’Imana. Yazutse mu bapfuye. Ari hano.

¹⁶² Noneho, murambike ibiganza byanyu bamwe ku bandi maze mugirane ibihe byiza by'amasengesho, buri wese muri mwe, mu gihe nsabye umuntu kuza hano. Ngwino hano, mwene Data. Mu gihe muhanye ibiganza umwe ku wundi musaba Imana ngo na we imukize, nanjye mfashe mwene Data hano ngo na we muture isengesho. (Senga. Ni byiza.) Nihasingizwe Uwiteka Imana. 

60-0402 Mbese Ibi Urabyizeye?
Inzu ya Komini
Tulusa, Okarahoma Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org